## INYANDIKO IGENEWE UMUNYAMABANGA MUKURU

## INAMA Y'ABANYAMAKURU BATEGURA IBIGANIRO KURI RADIYO ITEGURA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'ABATUYE ISI

REÇU le 03/07/01

3/7/02

Taliki ya 27/06/2001,

Saa ine za mu gitondo, ku cyicaro cya Ofisi y'Igihugu yita ku Mibereho y'Abaturage "ONAPO" habereye inama y'abanyamakuru bategura ibiganiro kuri radiyo n'abashinzwe serivisi IEC (Information, Education et Communication) ya ONAPO itegura Umunsi Mpuzamahanga w'abatuye isi.
Impamvu y'iyo nama yari ukurebera hamwe na za Minisiteri n'Ibigo bya Leta bifite aho bihuriye n'ibibazo by'imibereho myiza y'abaturage uburyo bazanyuza mu biganiro byabo ubutumwa bujyanye n'insanganyamatsiko y'uyu mwaka ari yo **"IMIBEREHO Y'ABATURAGE N'IBIDUKIKIJE".**
Ubwo butumwa akaba ari bwo "DUSHAKE IBISUBIZO BY'UBWIYONGERE BWACU TUTANGIZA IBIDUKIKIJE".

Umunsi Mpuzamahanga w'abatuye isi uba buri mwaka taliki ya 11Nyakanga, akaba ari muri urwo rwego ubuyobozi bwa ONAPO bwifuje ko mu biganiro bizanyura kuri Radiyo Rwanda kuva tariki ya 8-14/07/2001, ubutumwa bwavuzwe hejuru bwazahita muri ibyo biganiro.

Twamenyesheje abari mu nama ko ikiganiro cya Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco kitakinyura kuri radiyo kubera ikibazo cy'amikoro, ariko tubizeza ko tuzasaba Ubuyobozi bwa Minisiteri ubwo butumwa bukazanyuzwa mu biganiro bitangwa n'imishinga ikorera muri Minisiteri cyangwa ibyo iyo mishinga itera inkuga.

Inama yarangiye i saa tanu.

**RUTAGENGWA Philibert**
**S/Communication**
**MIJESPOC**

REPUBLIQUE RWANDAISE
OFFICE NATIONAL DE LA
POPULATION « ONAPO »
B.P. 914 KIGALI
TEL (250) 74793
Fax (250) 74267
E-mail : onapo@rwandatel1.rwanda1.com
Web site : www.rwandapop.org

Kigali, taliki 15/06/2001

N°........./ONP/2001

Nyakubahwa Minisitiri ..........................
..........................................................
KIGALI

I

mpanvu: Umunsi Mpuzamahanga
w'abatuye isi

22/6/2001
457/24

Nyakubahwa Minisitiri,

Nejejwe no kubandikira mbasaba ko mu kiganiro cya Minisiteri yanyu kizahita kuri Radio Rwanda mu cyumweru cyo kuva taliki ya 8-14/07/2001, tuzazirikanamo imibereho y'abatuye isi, mwadufasha kugeza ku baturarwanda ubutumwa twabageneye.

Nk'uko byagenwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mibereho y'Abaturage (FNUAP), buri mwaka taliki ya 11 nyakanga ni Umunsi Mpuzamahanga w'abatuye isi (Journée Mondiale de la Population – World Population Day). Insanganya matsiko y'uyu mwaka ni « Imibereho y'abaturage n'ibidukikije »
Ubutumwa bwa Ofisi y'Igihugu yita ku mibereho y'Abaturage (ONAPO) buteye butya : « DUSHAKE IBISUBIZO BY'UBWIYONGERE BWACU TUTANGIZA IBIDUKIKIJE »

Inama y'abanyamakuru bategura ibyo biganiro izaba taliki ya 27/06/2001 guhera saa tatu (9h00) za mu gitondo aho ONAPO ikorera.

Tubaye tubashimiye, Nyakubahwa Minisitiri, ubufatanye muhora mutugaragariza.

John B. RUZIBUKA

Umuyobozi wa Ofisi Y'Igihugu yita ku Mibereho myiza y'Abaturage